

July 27, 2020 Concord School District Updates

Hari ibyifuzo ko ishuri ryatangira tariki 8 zu kwacyenda.

Urwego rushinzwe ishuri rurimogusaba ko ishuri ritangira tariki ya 8 zukwa cyenda. Ababyeyi bose baratumiwe cyangwase bararikiwe kwitabira no kwifanya mukiganiro kuri i ki cyifuzo cyangwa igitekerezo cyabo.

Umunsi ni saha y'inama, n' amabwiriza biri hasi. icyemezo cyanyuuma kizaza gufatirwa munama za bayobozi bayobora ishuri takiki 3 zukwa munane. Ababyeyi nabo bashobora kuvuga muri izi nama.

Ikigo cyishuri kirasaba kandi cyerekana uko bazarinda abanyeshuri nabakozi bagarutse kwishuri mu nzira zikurikira.

- Abanyeshuri bose nabakozi bishuri bagomba kwirinda kwegerana bakanambara agapfuka kumazuru nu munwa mwishuri no munyubako zose zigize ikigo. (bazahabwa igihe cyo gukuraho agapfuka munwa kumunsi). Agapfuka munwa cyangwa masike bizaba bihari kubanyeshuri bazaba babikeneye. ibirahure birinda umwuka guhura bizubakwa ahantu hamwe na hamwe kwishuri.
- Amashuri azakurikira gahunda yogusukura neza. Ahantu hazaba handuye cyanwa hasa nabi. Hazaba hari amacupa yo gutera umuti, nayo gusukura intoki. Niba umunyeshuri yanduye cyangwa afashwe, hazaba amategeko, amabwiriza yogukurikiza mubyerkeye isuku.
- Abashyitsi n' abakorerabushake ntabwo bazaba bemerewe munyubako zamashuri uretse mugihe harikibazo gikomeye kandi byihutirwa. Inama zababyeyi ntago zizabera kwishuri.
- Ababyeyi basabwa gusuzuma abana babo niba bafite ibimenyetso mbere yuko baza kwishuri. Abanyeshuri bazapimwa ubushyuhe cyangwa umuriro mbere yuko binjira mw'ishuri. Abarimu nabo bazapimwa umuriro bageze kubutaka bw' ikigo cy'ishuri.
- Utuyunguruzo tw' umwuka turenga 1,000 (igihumbi) turiguhindurwa dusimbuza udushyashya munyubako z'ishuri zifite, zikoresha gahunda zumwuka za trane (Trane ni isosiyete icuruza imashini zizana ubushyuhe n'ubukonje mumazu). Umwuka mwinshi uzaba wemerewe muri izo gahunda zose
- Amafunguro azagaburwa . “abanyeshuri bazaza bafata ibiryo bagende” ifunguro rya mu gitondo n'irya saa sita bizajya bifungurirwa cyangwa biriribwa mumashuri yabo ndetse no hanze y'amashuri nibiba bishobotse.
- Amabisi atwara abanyeshuri azaba asukuye byimazeyo mbere yogufata abanyeshuri ziba jyana kwishuri ndetse nanyuma yokubageza yo. Ihamyi ryishuri rirasaba ababyeyi kujyana abanababo biga niba bibashobokeye kandi bakabafasha kumenya neza ko bahagaze batarikwegerana mugihe bari aho bisi ihagarara.

Igihe cy' inama zo kuganira ibyerekeye gufungura amashuri.

Kuwakabiri, 28/7//2020

Kwerekana ibyifuzo byabo mumashuri abanza ikiganiro kizatangira

5:00-6 00 zumugoroba

Kwerekana ibyifuzo byabo mumashuri yumwaka wa 6,7,8 ikiganiro kizatangira saa

6:05 -7 Pm zumugoroba kugeza

Kumwaka wa 9, 10, 11, 12 ikiganiro kizatangira saa

7:10- 8:10 zumugoroba

Kuwakane 30/7/2020

Kwerekana icyifuzo mumashuri abanza ikiganiro kizatangira saa

5:00 -6:00 zumugoroba

Kwerekana ibyifuzo byabo mumashuri yumwaka ikiganiro kizatangira saa 6:05 -7

zumugoroba

Kumwaka wa 9, 10, 11, 12 ikiganiro kizatangira saa

7:10 -8:10 zumugoroba

Inama zizerekanwa kuri tereviziyo ya Concord. Kugira uruhare mu nama, jya aho itsinda ryakarere rizaba rikorera inama ([LINK](#)) uzabasha kubaza ibibazo uzaba ufite binyuze mu biganiro. Ushobora kohereza ibibazo mbere yi nama kuri imeri ikurikira concordinfo@sau8.org

Website: www.OvercomersNH.org

Facebook: Overcomers Refugee Services

Instagram: OvercomersNH

WhatsApp: "COVID19 Emergency" Group

Call 211 (translators available)

Telephone number: 866-444-4211

TTY: 603-634-3388